

REPUBLIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, kuwa 7/07/2016  
Ref N°Njy.0.1.3./07.05.03/09



**INTARA Y'IBURASIRAZUBA  
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE  
AKARERE KA GATSIBO**

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**Rwamagana.**

**Impamvu:** Kubagezaho imyanzuro y'Inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye

kuwa 30/06/2016.

Madamu Guverineri;

Nejewe no kubandikira ngirango mbagezeho, ku mugeruka w'iyi baruwa imyanzuro y'Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa 30/06/2016 : tarif y'imisoro n'amahoro ya 2016-2017, icyemezo cy'Inama Njyanama gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2016-2017.




Mugire amahoro.

**RUKEMANGANIZI Cyprien**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo:

**Bimenyeshejwe :**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu  
**KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo  
**GATSIBO.**



**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE  
KA GATSIBO YATERANYE KUWA KANE TARIKI YA 30/06/2016**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa kane tariki ya 30/06/2016, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien.

Inama yatangiye imirimo yayo saa ine n'iminota mirongo itanu (10H50) hari Abajyanama 22 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere haza kwiyongeraho Umujyanama Maridadi Protais wari umaze kurahira.

Abandi bitabiriye inama y'Inama Njyanama y'Akarere ni aba bakurikira :

- Bwana BUNZINYA Christophe wari uhagarariye Minisiteri y'imari n'igenamigambi,
- Bwana NZAYIZERA Rodrigue wari uhagarariye Ubuyobozi bw'Intara y'Iburasirazuba
- Abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge,
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge,
- Abayobozi b'imirimo ku Karere.

Mu gutangiza inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije Abajyanama impamvu hatumijwe inama idasanzwe, abagezaho ibiteganyijwe ku murongo w'ibyigwa bikurikira:

1. Kurahiza Umujyanama mushya Bwana MARIDADI Protais, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga (CNDP) ku rwego rw'Akarere;
2. Kwemeza tarif y'imisoro n'amahoro bizagenderwaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017;
3. Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka wa 2016-2017;
4. Kwemeza gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Akarere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017.

**1. KURAHIZA UMUJYANAMA MUSHYA BWANA MARIDADI PROT AIS**

Bwana MARIDADI Protais, Umuhuzabikorwa w'inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga wasimbuye Bwana NIYOMUGABO Romalis, ku rwego rw'Akarere ka Gatsibo, yarahiriye kuzatunganya imirimo ashinzwe mbere yo gukurikirana imirimo y' inama idasanzwe y'Inama Njyanama, indahiro ye yakiriwe na Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyagatare Bwana HATEGEKIMANA Dany ari kumwe n'umwanditsi w'Urukiko NTAHOBARI Fulgence.

- Inama Njyanama yemeje ko Umujyanama MARIDADI Protais ashwirwa muri Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu agasimbura NIYOMUGABO Romalis.

## **2. KWEMEZA TARIF Y'IMISORO N'AMAHORO BIZAGENDERWAHO MU**

### **MWAKA W'INGENGO Y'IMARI WA 2016-2017;**

Ishingiye ku itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imiterere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 97 n'ya 98;

Ishingiye ku Itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze kandi rikanagena imikoreshereze yabyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 19, iya 43, iya 53, , iya 57 n'ya 58;

Ishingiye ku Iteka rya Perezida N° 25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rikagena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 3, iya 4, iya 5, iya 6, iya 7, iya 8, iya 9, iya 10, iya 11, iya 12, iya 13, iya 14, iya 15, iya 16, iya 17, iya 18, iya 19, iya 20, iya 21, iya 22, iya 23;


Ishingiye ku iteka rya Minisitiri N° 005/12/10 TC ryo kuwa 22/06/2012 rigena uburyo bwo kubahiriza Itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze kandi rikanagena imikoreshereze yabyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 18, iya 33, iya 42, iya 43;

**2.1** Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye tarif y'imisoro n'amahoro bizagenderwaho mu Karere ka Gatsibo mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017, isaba Umuyobozi w'Inama Njyanama n'Umunyamabanga wayo ko bazayishyiraho umukono nyuma yo kuyinoza hashingiwe ku bitekerezo byatanzwe no gukosora amakosa y'imyandikire yagaragajwe;

**2.2** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwiga ku buryo yakwihutisha igikorwa cyo gushyira ibikorwa remezo mu mijyi (Kabarore, Kiramuruzi na Ngarama) hakurikijwe ibishushanyo mbonera byemejwe.

**2.3** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukora urutonde rw'abasora mu masanteri y'ubucuruzi, ahafatwa nk'umujyi na santeri z'ubucuruzi zo mu cyaro, urwo rutonde rukazagezwa mu biro by'Inama Njyanama bitarenze ukwezi kwa karindwi;

**2.4** Inama Njyanama yemeje ko Perezida wa Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu afatanije na Komite Nyobozi bazakosora kandi bakuzuzwa urutonde rw'imidugudu igaragazwa ku rutonde rw'ahantu hari mu mujyi, Santeri z'ubucuruzi mbere yuko inyandiko igaragaza tarif y'imisoro n'amahoro ishyirwa ho umukono

n'Umuyobozi w'Inama Njyanama n'Umunyamabanga wayo, hashingiwe ku bitekerezo byatanzwe n'Abajyanama;

### **3. KWEMEZA INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE Y'UMWAKA W'INGENGO**

#### **Y'IMARI WA 2016-2017**

Inama Njyanama yagejejweho umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017, maze imaze kuwunguranaho ibitekerezo no kumva icyo abatwirwa bayivugaho, yafashe imyanzuro ikurikira:

**3.1** Inama Njyanama yemeje ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari cumi n'eshatu na miliyoni mirongo cyenda n'umunani ibihumbi magana atandatu mirongo itandatu na bibiri magana arindwi mirongo irindwi n'umunani **(13,098,662,778 Frw)**,

- Ingengo y'imari yemejwe n'Abajyanama 21/23 bitabiriye

**3.2** Inama Njyanama yemeje ko ingengo y'imari igabanije mu bice bikurikira:

**a)** Imisoro n'amahoro byinjizwa n'Akarere (*District Own revenues*) angana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni magana inani mirongo inani n'esheshatu n'ibihumbi magana atandatu mirongo inani na magana arindwi makumyabiri n'icyenda **(886,680,729 Frw)** ahwanye na **7%** y'ingengo y'imari y'umwaka;

**b)** Inkunga z'ubutegetsi bwite bwa Leta (*Transfers from Central Government*) angana n'amafaranga Miliyari icumi na miliyoni magana inani mirongo itanu n'enyere ibihumbi magana abiri mirongo irindwi na kimwe na mirongo itandatu na rimwe **(10,854,271,061 Frw)**:

- Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye (*Block Grant*) angana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari imwe na miliyoni magana arindwi makumyabiri n'imwe n'ibihumbi magana ane na cumi na birindwi magana atanu mirongo irindwi n'ane **(1,721,417,574 Frw)** ahwanye na **13%** y'ingengo y'imari y'umwaka;
- Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye (*Earmarked transfers*) angana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari icyenda na miliyoni ijana na mirongo itatu n'ebiri n'ibihumbi magana inani mirongo itanu na bitatu magana ane mirongo inani n'arindwi **(9,132,853,487 Frw)** ahwanye na **70%** y'ingengo y'imari y'umwaka;

**c)** Izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta (*Other Government Agency Grants*) zingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni mirongo itanu n'imwe n'ibihumbi magana inani mirongo ine na kimwe na mirongo icyenda na rimwe **(51,841,091 Frw)** ahwanye na **0,3%** y'ingengo y'imari y'umwaka;

itandatu n'icyenda na magana inani mirongo icyenda n'arindwi (1,305,869,897 Frw) ahwanye na 10% y'ingengo y'imari y'umwaka;

**3.3** Inama Njyanama yamenyeshejwe kandi amafaranga ari kuri konti z'Akarere mu mpera z'umwaka w'ingengo y'imari wa 2015-2016 ni ukuvuga tariki ya 30/06/2016 (Closing balance) bakazayatangirana nka Opening balance angana na Miliyoni magana cyenda na cumi n'esheshatu ibihumbi magana abiri makumyabiri na bine na makumyabiri n'atatu (916,224,023 Frw)

**3.4** Inama Njyanama yemeje icyemezo cy'Inama Njyanama N° 091/07.05.03/09 cyo kuwa 30/06/2016 gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka w'ingengo y'imari 2016-2017 mu buryo busesuye.

#### **4. GUSUZUMA NO KWEMEZA GAHUNDA Y'ITANGWA RY'AMASOKO**

##### **Y'AKARERE (PROCUREMENT PLAN) Y'UMWAKA W'INGENGO Y'IMARI WA 2016-2017;**

Inama Njyanama imaze kugezwaho umushinga wa gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Akarere ka Gatsibo ateganijwe gutangwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017 ageze kuri mirongo ine n'icyenda (49) imaze kuwunguranaho ibitekerezo yafashe imyanzuro ikurikira:

**4.1** Inama Njyanama yemeje gahunda y'itangwa ry'amasoko (Procurement Plan) mirongo ine n'icyenda (49) y'Akarere ka Gatsibo ateganijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017 binyuze mu matora, Abajyanama 18 kuri 23 bitabiriye inama barayemeje, abandi 5 basigaye barifata;

**4.2** Inama Njyanama ishingiye ku mpungenge z'Abajyanama n'impaka ndende bagize ku mushinga wa gahunda y'itangwa ry'amasoko (Procurement Plan) y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017; yasabye Komite Nyobozi kuzabanza kuyinoza kandi igakosora amakosa yagaragajwe n'Abajyanama (Isoko no 2 n'isoko no 25 aho bagombaga kwandika 6 bakandikamo 7 mu gisika Planned contract closure date).


Umwanditsi w'inama



**YANKURIJE Marie Goretti**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'inama



**RUKEMAGANIZI Cyprien**



Umuyobozi w'Inama Njyanama

REPUBULIKA Y'U RWANDA



INTARA Y'IBURASIRAZUBA  
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE  
AKARERE KA GATSIBO

Gatsibo, kuwa 28/06/2016 Reception  
Ref N°Njy.0211./07.05.03/09



Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

*Handwritten signature*

Rwamagana.

**Impamvu:** Kubagezaho imyanzuro y' inama isanzwe y'Inama Njyanama ,

Madamu Guverineri;

Nejewe no kubandikira ngirango mbagezeho, ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo, yateranye kuwa gatanu tariki ya 24.06.2016.

Mugire amahoro.

**RUKEMANGANIZI Cyprien**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo.

*Handwritten signature and date 28/06/2016*

**Bimenyeshejwe :**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu  
**KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo  
**GATSIBO.**

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA  
GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU TARIKI YA 24/06/2016**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 24/06/2016, iyobowe n'Umuyobozi wungirije Bwana RUTAYISIRE K.Wilson kubera ko Umuyobozi wayo Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien yari mu butumwa bw'akazi;

Inama yitabiriwe n'Abajyanama 24 kuri 29 bayigize, yatangiye imirimo yayo saa ine za mu gitondo (10H00).

**Ku murongo w'ibyigwa hari hateganijwe ingingo zikurikira:**

1. Kugezwaho ibibazo Abajyanama batumwe n'Abaturage;
2. Kwemeza inyandikomvugo z'Inama Njyanama;
  - a) Inama isanzwe yo kuwa 19/03/2016
  - b) Inama idasanzwe yo kuwa 20/05/2016
3. Gusuzuma raporo z'amakomisiyo n'inama y'Abaperezida;
4. Gusuzuma imyanzuro y'Inama Njyanama itarashyizwe mu bikorwa n'ibibazo bya bamwe mu baturage bagejeje ku Nama Njyanama;
5. Kwemeza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;
6. Kwemeza konji y'umwaka y'abagize Komite Nyobozi y'Akarere;
7. Gushyira Abajyanama bamwe muri Komisiyo;
8. Kwemeza abayobozi ba Komite Ngenzuzi (Audit Committee);
9. AOB (Divers)

**1. KUGEZWAHO IBIBAZO ABAJYANAMA BATUMWE N'ABATURAGE;**

Inama Njyanama yakiriye ibibazo Abajyanama batumwe n'abaturage bikaba byaribanze ku bikorwa remezo (amazi, amashanyarazi, imihanda amashuri) n' imisoro ku butaka. Muri byo bibazo, bimwe byabonewe ibisubizo byanyuze Inama Njyanama, ibindi isaba Komite Nyobozi y'Akarere kubikurikirana.

**2. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Z'INAMA NJYANAMA;**

**2.1** Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye tariki ya 19/03/2016;

**2.2** Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye tariki ya 20/05/2016.

### **3. GUSUZUMA RAPORO Z'AMAKOMISIYO N'INAMA Y'ABAPEREZIDA;**

Inama Njyanama yagejejweho raporo y'inama y'Abaperezida yateranye tariki 16/06/2016, imaze kungurana ibitekerezo no gukorera ubugororangingo ibyifuzo by'imyanzuro byatanzwe n'amakomisiyo bigashyigikirwa n'Inama y'Abaperezida, yemeje imyanzuro ikurikira:

#### **3.1 RAPORO YA KOMISIYO Y'IMARI N'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU**

**3.1.1** Inama Njyanama imaze kubona ibibazo byagaragaye mw'iyakira ry'imisoro n'amahoro, n'igabanuka ryatumye Akarere katesa imihigo y'umwaka ushize w'ingengo y'imari wa 2015-2016, yasabye Komite Nyobozi mu bufatanye n'Ubuyobozi bw'Imirenge, gufata ingamba zihamye kugirango umwaka wa 2016-2017 uzarusheho kugenda neza maze ikazazigeza ku Nama Njyanama mu gihe cya vuba;

**3.1.2** Inama Njyanama ishingiye ku ngingo ya 15 y'Iteka rya Perezida N° 25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze yemeje ko umunsi wo gushyingirwa mu Karere kose ari kuwa kane, amahoro yo gushyingirwa kuri uwo munsi akaba amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitanu (5,000 Frw), naho abashaka gushyingirwa ku munsi utaramejwe n'Inama Njyanama bakishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10,000 Frw);

**3.1.3** Inama Njyanama yemeje ku mahoro anyuranye ibi bikurikira;

- a) Kugena amahoro ku cyapa cy'igare hakabanje kwemezwa yuko iryo gare rikora tagisi;
- b) Kugena umusoro w'ipatante w'Ibigo by'imari cyangwa amabanki hashingiwe ku musaruro mbumbe nkuko biteganywa n'itegeko;
- c) Gusaba buri Murenge ko wagenya ahashyirwa irimbi rusange, hakazashyirwaho igiciro ku buryo bireka kuba zero muri tarif y'imisoro nkuko byagaragaye;
- d) Kuvana amahoro ya parking rusange ku modoka zifite imyanya yicarwamo irenga 50 ku bihumbi birindwi (7,000 Frw), akagenwa hakurikijwe igihe imaze muri iyo parking;
- e) Gukomeza gutanga amahoro y'isuku mu isoko ariko kubera isuku idahagije igaragara mu masoko hirya no hino, Inama Njyanama yemeje ko amasezerano yo



gukora isuku azajya asinyirwa ku rwego rw'Akarere kugirango arusheho kunozwa n'abakozi babifitiye ubumenyi.

- f) Gusoresha ugurishije inka amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bibiri (2,000 Frw),yiyongera kw'isherena aho gusoresha uguze;
- g) Gukuraho imisoro yakwa ku matungo magufi yazanwe mw'isoko nk'inkwavu n'inkoko;

### 3.1.4 Inama Njyanama yafashe imyanzuro ikurikira ku mushinga w'ngengo y'imari

a) Yasabye Komite Nyobozi kureba uburyo bazaba bazamuye amafaranga ya budget ya développement ikagera kuri 30% nkuko bigenwa n'amategeko mbere yuko Inama Njyanama izemeza ingengo y'imari y'Akarere ya 2016-2017; ishyiraho Komisiyo adhoc izafasha Komite Nyobozi kubikurikirana igizwe n'Abajyanama bagize Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu, Abaperezida b'amakomisiyo ahoraho y'Inama Njyanama n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage;

b) Yasubiye ku mwanzuro 3.1 w'Inama Njyanama yateranye tariki ya 20/05/2016 ugena uburyo Operation Funds yemerewe Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ucungwa yemeza ko yongerwa ku ngengo y'imari igenerwa Imirenge, akazajya akoreshwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu rwego rw'umutekano;

c) Gusaba Komite Nyobozi gutegura hakiri kare ibirebana n'ingurane zikwiye igihe cyose hateganywa ibikorwa by'inyungu rusange no kugeza ku Nama Njyanama gahunda iteganyijwe yo kwishyura abaturage imitungo yabo yangijwe n'ibikorwa rusange (expropriation) ikagaragaza neza aho amafaranga azaturuka n'uko bizakorwa;

d) Kwongera amafaranga yagenewe ibyiciro byihariye (CNF,CNJ,CNDP) mu ngengo y'imari kandi igihe cyo kuyitegura bakazajya batumira ababihagarariye kugirango bayitangeho ibitekerezo bishingiye kuri gahunda y'ibikorwa bateganya.

e) Gusaba Komite Nyobozi kugaragaza priorities z'ahazagezwa umuriro w'amashanyarazi bahereye ku kigo cy'amashuri cya GS Bihinga, Inyubako z'Imirenge ya Gasange,Kageyo na Nyagihanga itayafite kandi hakagaragazwa aho km 6 ziri muri ngengo y'imari zizanyura;

f) Gusaba Komite Nyobozi kugeza ku Nama Njyanama amasezerano (MU) yakozwe hagati y'Akarere na Rwanda Revenue Athorithy (RRA) kandi bakazirikana ko nta masezerano akwiye gukorwa Inama Njyanama itabimenyeshejwe;

### **3.2 RAPORO YA KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA**

Inama Njyanama yashyigikiye kandi yemeza imyanzuro ya Komisiyo y'imiyoborere myiza ikurikira imaze kuyunguranaho ibitekerezo:

**3.2.1** Gusaba Komite Nyobozi, guhwitura Abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge kugirango bubahirize ibiteganywa n'itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imiterere y'inzego z'imategekere y'igihugu zegerejwe abaturage, Igice cya kabiri: inzego zidafite ubuzimagatozi), mu ngingo yaryo ya 189;

**3.2.1** Gusaba Komite Nyobozi gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inkiko by'umwihariko, mu Nkiko Gacaca hagakorwa ibi bikurikira:

- Kwihutisha irangizwa ry'imanza zifite irangizarubanza zatejweho kashe mpuruza zitarishyurwa,
- Gushishikariza abatarateza kashe mpuruza ku ndangizarubanza zabo kubikora, bagahabwa igihe ntarengwa cyo kuba byarangiye,
- Gukora ibarura ry'abadafite ubwishyu hagendewe ku byiciro by'ubudehe hakagenwa uburyo bwo kubishyurira kandi nabo bakagira icyo basabwa gukora mu rwego rwo guca umuco wo kudahana,
- Kureba imitungo yasizwe n'abahunze ndetse n'abapfuye bishyuzwa ikavamo ubwishyu bwabo cyangwa hagakurikiranwa abazungura babo,
- Kwiga ku buryo abishyuzwa bimukiye ahandi n'abadatuye mu Karere bakurikiranwa,
- Kugisha inama CNLG ku kibazo cy'imanza zitagaragaza abishyuzwa n'icyo bishyuzwa, abishyuzwa batazwi, izidafite irangiza rubanza n'abagaragaza fotokopi z'irangiza rubanza gusa,
- Gukurikirana byihutirwa abakiriye ubwishyu bakaburirigisa abenshi muri bo bakaba ari abakozi b'Akarere,
- Gukurikirana imitungo y'abishyuzwa yanditswe ku bandi bantu maze hakamenyekana aho iherereye.

**3.2.3** Gusaba Umuyobozi w'Akarere gutumiza inama nyunguranabitekerezo bitarenze ukwezi kwa 8/2016, izahuza Inama Njyanama y'Akarere, Abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari uhagarariye abandi muri buri Murenge, kugirango bazasuzume ikibazo cy'abantu bashyingiranwe batanditse mu bitabo by'irangamimerere cyangwa abayobozi batashyize umukono ku masezerano yabo bashyingiye;

**3.2.4** Gusaba Komite Nyobozi gukurikirana uburyo imisanzu yakwa abaturage mu bikorwa binyuranye yakirwa, uko ikoresheya n'uburyo abaturage bagaragarizwa uko yakoreshejwe;

**3.2.5** Inama Njyanama yashyizeho Komisiyo adhoc igizwe n'Abajyanama bakurikira:

- 1) MANISHIMWE Gilbert : Perezida
- 2) MUGIRASE Marie Amabilis : Umwanditsi
- 3) KABERA Canisius : Membre
- 4) MBABAZI Oliver : Membre

Iyiha inshingano zo gukurikirana ikibazo cy' ubutaka bwa Leta bwatanzwe n'abayobozi batabifitiye ububasha mu Murenge wa Rwimbogo ikazatanga raporo mu gihe kitarenze ibyumweru bitatu;

**3.2.6** Inama Njyanama yemeje gahunda ya Komisiyo y'imiyoborere myiza yo gusura Imirenge:

- 1) Muri Nyakanga 2016, Imirenge ya Nyagihanga, Ngarama, Gatsibo, Kabarore, Gitoki na Rwimbogo,
- 2) Muri Nzeri 2016, Imirenge ya Rugarama, Kiziguro, Kiramuruzi, Muhura, Murambi na Gasange,
- 3) Mu Ugushyingo 2016, Imirenge ya Kageyo na Remera.

### **3.3 RAPORO YA KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'IMIBEREHO MYIZA**

#### **Y'ABATURAGE**

Inama Njyanama yashyigikiye kandi yemeza imyanzuro ya Komisiyo y'iterambere ry'imiyoborere myiza ikurikira imaze kuyunguranaho ibitekerezo:

**3.3.1** Inama Njyanama yemeje ko transiporo yasabwe na Komisiyo kubagize inzego zihariye (CNF,CNJ,CNDP) igihe bitabiriye inama izajya igenwa hashingiwe ku ngengo y'imari zigenerwa;

**3.3.2** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gushyiraho gahunda y'umugoroba w'ababyeyi ku buryo ari abayobozi n'abandi bakozi bashobora kuwitabira no gushyira imbaraga mu kuwukangurira abagabo bakumva ko nabo ubareba;

**3.3.3** Hashingiwe ku mpungenge zagaragajwe ku mwanzuro w'inama y'Uburezi yo kuzateranyiriza abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye bazakora ibizamini bya Leta bisoza icyiciro rusange cy'amahuri afite gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 mu bigo bicumbikira abana bakishyura amafaranga ibihumbi bitanu (5,000 Frw) harimo ko hari ababyeyi batishoboye, gusaba abana gushaka ibikoresho nka matelas, iby'isuku n'ibindi), Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gusubira kuri icyo cyemezo, bakakigana ubushishozi bashingiye ku mategeko n'amabwiriza ya Minisiteri ifite uburezi mu nshingano zayo;

**4. GUSUZUMA IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA ITARASHYIZWE MU  
BIKORWA N'IBIBAZO BYA BAMWE MU BATURAGE BAGEJEJE KU  
NAMA NJYANAMA;**

Inama Njyanama yemeje ko imyanzuro itarashyizwe mu bikorwa nkuko yagaragajwe na Komite Nyobozi izakurikiranwa n'amakomisiyo ahoraho y'Inama Njyanama hashingiwe ku nshingano zayo mbere yo kuyifatira umwanzuro.

**5. KWEMEZA UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA W'AKARERE;**

Inama Njyanama imaze kugezwaho ibikubiye mw'ibaruwa N° 1015/07.05.03/01/HRM yo kuwa 07/06/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba kwemeza umukozi watsinze ikizamini ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, ishingiye kw'itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imiterere y'inzego z'imategekere y'igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 56, yemeje **Madamu NANKUNDA Jolly** ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gatsibo.

**6. KWEMEZA KONJI Y'UMWAKA Y'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI  
Y'AKARERE;**

Inama Njyanama imaze kugezwaho ibikubiye mw'ibaruwa N° 1012/07.05.03/01/M yo kuwa 15/06/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba ko Inama Njyanama yakwemeza gahunda ya konji y'abagize Komite Nyobozi, Ishingiye kw'itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imiterere y'inzego z'imategekere y'igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 65, yemeje gahunda ya konji y'abagize Komite Nyobozi ku buryo bukurikira:

1. Umuyobozi w'Akarere Bwana Gasana Richard azafata konji guhera tariki ya 01/08/2016 kugeza tariki ya 30/08/2016;
2. Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage Madamu Kantengwa Mary azafata konji guhera tariki ya 01/09/2016 kugeza tariki ya 30/09/2016;
3. Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze iterambere ry'ubukungu Bwana Manzi Théogène azafata konji guhera tariki ya 03/10/2016 kugeza tariki ya 01/11/2016.

## **7. GUSHYIRA ABAJYANAMA BAMWE MURI KOMISIYO;**

Inama Njyanama ishingiyeye ku cyifuzo cy'Abajyanama bahagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko bifuzaga guhagararirwa mu makomisiyo yose, yagarutse ku mwanzuro 3 w'Inama Njyanama yateranye tariki ya 19/03/2016 wemezaga Abajyanama bagize amakomisiyo ahoraho y'Inama Njyanama, maze yemeza ko:

**7.1** Umujyanama MUKAMANA Scovia ashwirwa muri Komisiyo y'imiyoborere myiza;

**7.2** Umujyanama UWERA Espérance wari muri Komisiyo y'imiyoborere myiza ashwirwa muri Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage;

**7.3** Umujyanama BAHATI Bonny ashwirwa muri Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu;

## **8. KWEMEZA ABAYOBOZI BA KOMITE NGENZUZI;**

Inama Njyanama yagejejweho ibaruwa N° 363/07.05.01 yo kuwa 07/06/2016 Guverineri w'Intara yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama asubiza ku myanzuro y'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 20/05/2016, asaba ko umwanzuro 5 wafashwe n'Inama Njyanama mu nama idasanzwe yateranye kuwa 20.05.2016 wasubirwaho, hagashwirwaho ubuyobozi bwa Komite Ngenzuzi maze yemeza:

**8.1** Umujyanama BAKINGA Déo nka Perezida wa Komite Ngenzuzi (Audit Committee),

**8.2** Umujyanama UWERA Espérance nk'umwanditsi wa Komite Ngenzuzi (Audit Committee).

## **9. AOB (Divers)**

**9.1** Umujyanama Niyomugabo Romalis yamenyesheje Abajyanama ko Inteko rusange y'abafite ubumuga ku rwego rw'Akarere yateranye tariki ya 22/06/2016 yatoye umusimbura we MALIDADI Protais nk'umuhuzabikorwa w'Inama y'igihugu y'abafite ubumuga;

2. Kwemeza tarif y'imisoro n'amahoro bizagenderwaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017;
3. Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka wa 2016-2017;
4. Kwemeza gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Akarere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017.

**9.3** Inama Njyanama yasabye ko Bwana MALIDADI Protais yazarahira mu nama idasasanze y'Inama Njyanama izaterana kuwa kane tariki ya 30/06/2016, inaboneraho gusaba Umuyobozi w'Akarere kwandikira Perezida w'Urukiko rwisumbuye rwa Nyagatare akamutumira kugirango azakire indahiro ye.

**9.4** Inama Njyanama yagejejweho ibaruwa y'Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 16.06.2016, YANKURIJE Marie Goretti yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama asaba ko Inama Njyanama yasubira ku mwanzuro N° 12.2 w'inama yo kuwa 26.07.2013, wamugeneraga transiporo na sitting allowance ingana n'amafaranga yahabwaga yitabiriye inama ya Biro, yaje mu kazi ku minsi itari iy'inama.

Inama Njyanama ishingiye ku nshingano z'Umunyamabanga w'Inama Njyanama nkuko zigaragara mu ngingo ya 12 y'itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imategekere y'igihugu zegerejwe abaturage, cyane cyane: agaka ka 1° ,aka 5° n'aka 6°, yemeje ko mu gihe Umunyamabanga wayo yitabiriye imirimo y'Inama Njyanama mu rwego rwo kuzuza inshingano ze azajya agenerwa transiporo na sitting allowance bingana n'amafaranga ahabwa iyo yitabiriye inama ya Biro y'Inama Njyanama.

**Umwanditsi w'inama**

*Marie Goretti*

**YANKURIJE Marie Goretti**

**Umunyamabanga**

**w'Inama Njyanama**

**Umuyobozi w'inama**

.....

**RUTAYISIRE K. Wilson**

**Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama**

*28/06/2016*